# 389: Wa Mukristo muto we

1.

Wa Mukristo muto we, Ujy'utiny' iby'abandi; Wibikoraho rwose, Haba no kubyifuza !

2.

Byos' ibitar' ibyawe, Ntubikoreho rwose, Naho bizaba bike, Bidafit' igiciro.

3.

Uwo Yes' akijije. Bimubir' umuziro; Yize no gutegeka Amaboko n'amaso.

4.

Naho wab' umukene, Wemer' ibyo wahawe; Gendana na Shobuja, Itek' unezerewe.

5.

Zinukw' ibibuzanywa, iby' Umwami w'iyi si Ajy'arimbuza benshi, Ababuz' ubugingo.

6.

Izer'Umucunguzi, Ub' uwo kwiringirwa! Birut' ubutegetsi N'ubutunzi bwo mw isi.

7.

Kand' uhore wibuka Ko yasezerany' ati : Uzanesha kubwanjye Azabona kuzuka.

Visit us at indirimbo.com